

POLISI Y'U RWANDA

Kacyiru, ⁰⁶.....Ukwakira 2019



IBIRO BY'UMUVUGIZI

B.P. 6304 KIGALI

www.police.gov.rw

Tel: 0788311550

ITANGAZO RIGENEWE ABANYAMAKURU

Nk'uko twabibamenyesheje mu itangazo ryo kuwa **05 Ukwakira 2019**, ryerekeye ibikorwa by'abagizi ba nabi bateye mu karere ka Musanze, kugeza ubu abantu 14 nibo bahitanywe n'icyo gitero.

Mu bishwe, harimo abasanzwe mu ngo zabo bicishwa ibyuma, abandi bicishwa amabuye. Ibi bigaragaza ubugome bukabije bw'aba bagizi ba nabi.

Mu gikorwa cyo guhiga aba bagizi ba nabi, inzego z'umutekano zimaze kwica 19, ndetse 5 bafatwa mpiri. Ibikorwa byo gushakisha uwo ariwe wese wagize uruhare muri iki gitero birakomeje.

Kugeza ubu muri aka gace umutekano ni wose kandi turashimira abaturage n'ubuyobozi bw'inzego z'ibanze ubufatanye bagaragarije inzego z'umutekano.

CP JB KABERA



Umuvugizi wa Polisi y'u Rwanda